CERTA FOUNDATION

CENTER FOR JUSTICE AND ADVOCACY

Address: 1st Floor, ECD Plaza, KN23, Ave 4, Kigali
Website: https://www.certafoundation.rw
Email: info@certafoundation.rw
Tel: +250252640053
Kigali - Rwanda

Kamena 14, 2023

---

# ITANGAZO RYO GUTANGA BURUSE KU BANGAVU BABYAYE

Ishami rishinzwe Ubutabera n' Ubuvugizi (*Center for Justice and Advocacy*) mu muryango *Certa Foundation*, umuryango utari uwa Leta udaharanira inyungu, ukorera mu Rwanda, ufite intego yo gushaka ibisubizo no guhanga ibishya mu rwego rw' amategeko, bigamije gushyigikira no kwimakaza umuryango nyarwanda wuje ubutabera kandi utekanye.

Iryo shami, *Center for Justice and Advocacy*, riharanira ko ubutabera bugera kuri bose. Ku bw' ibyo, ritanga ubufasha busesuye ku bagore n' abakobwa bahuye n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina; ubwo bufasha buba bukubiyemo serivisi zitishyuzwa zo mu rwego rw' ubwunganizi mu mategeko, ubuvuzi, ubuzima bwo mutwe ndetse n' inkunga zo mu rwego rw' ubukungu n' imibereho mu muryango.

Uburere bw' umwana w' umukobwa ni ryo shingiro ry' impinduka mu muryango, bityo rero abangavu babyaye imburagihe, bikababaviramo gucikiriza amashuri, na bo bakwiye guhabwa amahirwe yo kongera gusubira mw' ishuri kugirango bagere ku ntego zabo babikesha ubumenyi bwo mw' ishuri.

Ni muri urwo rwego, tunejejwe no gutangaza ko twatangiye kwakira ubusabe bw' abangavu babyaye bifuza kwishyurirwa icyiciro cya kabiri cy' amashuri yisumbuye, mu rwego rw' Umushinga wa *Certa Foundation* wo Gutanga Buruse z' Amashuri ku Bangavu Babyaye.

Uyu mushinga wo Gutanga Buruse ku Bangavu Babyaye ugamije kugabanya ibibazo by' ubukungu n' iby' imibereho biterwa n' inda zitateganyijwe na zo zituruka ku gusambanywa kw' abangavu, ugamije kandi gushyiraho uburyo buboneye bwo gufasha abo bangavu babyaye kugira ngo na bo babashe gutsinda neza mu mashuri.

Aya mahirwe azafasha abangavu babyaye kugira ubumenyi n' ubushobozi bakeneye ngo biteze imbere, bigobotore ihohoterwa rihoraho, kandi babashe kwagura imyumvire n' amahirwe mu buzima bwabo, ari na ko bagira uruhare mu kuzana impinduka zubaka umuryango mugari w' aho babarizwa.

CERTA FOUNDATION
CERTA FOUNDATION
KIGALI - RWANDA

CERTA FOUNDATION

CENTER FOR JUSTICE AND ADVOCACY

**IBISHINGIRWAHO MU KWAKIRWA MU MUSHINGA WA BURUSE KU BANGAVU BABYAYE:**

Usaba guhabwa buruse muri uyu mushinga akwiye kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwandakazi kandi akagaragaza ikimuranga (Icyemezo cy'amavuko cyangwa Irangamuntu).
2. Kuba ari umwangavu wabyaye, ufite hagati y' imyaka 15 na 18.
3. Kuba yararangije icyiciro cya mbere cy' amashuri yisumbuye (umwaka wa 3: *Tronc-commun*).
4. Kuba agaragaza ubushake ndashidikanywaho bwo gutsinda mu ishuri kandi akiyemeza kuzarangiza icyiciro cya kabiri cy' amashuri yisumbuye.
5. Kuba yaragiraga amanota meza ndetse akagaragaza ibihamya bikurikira:
   i. Izina ry' ishuri/amashuri yizeho
   ii. Kopi z' indangamanota z' imyaka y' uwa 1, uwa 2 n' uwa 3 mu cyiciro cya mbere cy' amashuri yisumbuye
   iii. Kopi y' icyemezo kigaragaza amanota yagize mu kizamini cya Leta gisoza umwaka wa 3 w' amashuri yisumbuye (*Tronc commun*)
6. Kwerekana ko yatsindaga neza amasomo ya siyansi mu myaka itatu ikurikiranye.
7. Kwerekana ko mu myaka itatu ikurikiranye, yaranzwe n' ikinyabupfura n' imyitwarire myiza, ndetse akanatanga n' abahamya babyemeza babarizwa mu mashuri yizeho.
8. Ni ngombwa ko umwangavu, wabyaye uzahabwa iyi buruse, azaba afite umuntu mukuru umurera, cyangwa undi muntu wo mu muryango we, uziyemeza gusigarana no kwita ku mwana we mu gihe yagiye kw' ishuri.

Turashishikariza abumva bujuje ibisabwa bose kwandika basaba iyi buruse kugirango bazabone amahirwe yo gusubira mw' ishuri no kugera ku ntego n' inzozi bafite mu bijyanye n' imyigire n' amashuri byabo.
Abangavu babyaye batuye mu bice by' icyaro kandi bujuje ibisabwa, barashishikarizwa kwandika basaba izi Buruse.

Abemerewe bazatangira kwiga mu mwaka w' Amashuri uzatangira muri:
**Nzeri 2023/2024**.

Abifuza gusaba iyi buruse bohereza inyandiko z' ubusabe bwabo kuri info@certafoundation.rw ikoherezwa iherekejwe n' inyandiko yujujwemo amakuru asabwa iri kuri www.certafoundation.rw, bitarenze tariki ya **17 Nyakanga, 2023.**

CERTA FOUNDATION KIGALI - RWANDA